Repubulika y'u Rwanda
**Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo**

Itangazo rigenewe abanyamakuru

# IBIRORI BYO GUSOZA AMAHUGURWA Y'IBANZE KU BAKOZI BA LETA

## Ku Cyumweru, tariki ya 15 Ukuboza 2024

Guverinoma y'u Rwanda izi neza ko kugira abakozi b'umwuga, bahugukiwe kandi bubahiriza amahame y'ubunyamwuga ari ingenzi mu kugera ku ntego z'iterambere ry'Igihugu. Ni muri urwo rwego hatangijwe Gahunda y'Amahugurwa y'Ibanze ku Bakozi ba Leta (National Induction Programme - NIP), igamije guhugura no gutegura abakozi ba Leta ku nshingano zabo. Iyi gahunda izafasha kandi abakozi ba Leta gusobanukirwa amahame y'ibanze, indangagaciro, imyitwarire myiza, n'intego zigamijwe kugira ngo hubahirizwe neza imirimo ya Leta. Amahugurwa yibanda cyane ku guteza imbere umuco wo gukorera hamwe, ubunyamwuga, guha agaciro umurimo no kudakorera ku jisho, imyitwarire irangwa n'ubunyangamugayo, kubazwa inshingano, no gushyira hamwe kugira ngo hatangwe serivisi nziza.

Guhera ku itariki ya 28 Ukwakira kugeza ku ya 7 Ukuboza 2024, hahuguwe ibyiciro bitanu bigizwe n'abakozi 957 baturutse muri minisiteri n'ibigo bya Leta ari nabo uyu munsi bakorewe ibirori. Aya mahugurwa yabaye umusingi wo kongerera ubushobozi abakozi b'imirimo ya Leta kugira ngo bashobore gukora nk'itsinda "Team Rwanda" mu gushyira mu bikorwa iby'ibanze byashyizwe imbere muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST-2) n'icyerekezo cya 2050 (Vision 2050).

Iyi gahunda y'amahugurwa izagera ku bakozi bose ba Leta, baba abari mu kazi ndetse n'abazagenda binjira mu kazi. Ntibizagarukira aha, ahubwo hazakomeza kubaho amahugurwa yo gukarishya ubwenge no kwihugura ku bishya bigenda bivuka mu kazi.

*"Ntabwo tubafata nk'abakozi bahuguwe gusa, muri aba ambasaderi b'iki gikorwa. Tubitezeho ko mugenda mukabera abo mukorana urugero rwiza."*
**Ambasaderi Christine Nkulikiyinka,** Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara:

**Richard Dani IRAGUHA**
*Umukozi ushinzwe itumanaho*
*Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo*
Tel: 0783266635
Email: driraguha@mifotra.gov.rw